


# IGISABO NEWSPAPER

Patriotism, Truth to fight against Injustice

PALAST ROCK HOTEL
Address: Nyamata, Bugesera, Kigali/ Rwanda Reservation Line: +250- 788316060 E-mail: info@palasthotelrwanda.com web: www.palasthotelrwanda.com

Igisabo Vol. 16 | 30 Kamena - 16 Nyakanga, 2021 | *Special Kwibohora 27*

# U Rwanda na DR Congo ibihugu bikomeje kubana nk'abaturanyi beza




## Icyo utamenye ku mateka atangaje y'igihugu cya Isiraheli





**Abasaza bafungiye icyaha cya Jenoside barasaba Nyakubawa Perezida wa Repubulika kubafasha gusazira iwabo**

**Dr Ngamije aravuga impamvu y'ubwiyongere bukabije bwa Covid 19**



**Bashimishijwe n'Intsinzi ya Mugabo Nizeyimana Olivier watorewe kuyobora FERWAFA**



**Batangiye guhabwa ibihembo Abadahohotera inzoka bakazishyikiriza ababishinzwe**



# U Rwanda na DR Congo ibihugu bikomeje kubana nk'abaturanyi beza

Perezida Paul Kagame na mugenzi we Félix Tshisekedi wa Republika ya Demokarasi ya Kongo, baherutse guhurira ku mupaka uhuza ibihugu byombi i Rubavu kuwa 24 Kamena 2021bukeye bwaho bongera guhurira mu mujyi wa Goma, ibishimangira bidasubirwaho, ubufatanye n'ubutwererane bihari. Abakuru b'ibihugu bakaba baraganiriye ku ngingo zireba ibihugu byabo, Akarere n'Africa muri rusange.

Kuva Perezida Tshisekedi yajya ku butegetsi umubano w'u Rwanda na DR Congo wifashe neza, nk'uko aba bategetsi bombi bagiye babitangaza mu bihe bitandukanye.

Icyagaragaye muri rusange ni uko Abakuru b'ibihugu byombi baganiriye ku bibazo bihuriweho n'ibihugu byombi. Bakaba baraganiriye banumvikana ku bibazo n'ingaruka byatewe n'iruka ry'ikirunga cya Nyiragongo riheruka ndetse banarebera hamwe ibikorwa bitandukanye biteganijwe mu bihe biri imbere.

Amakuru avuga ko mu bindi byaganiriwe harimo n'ikibazo cy'imitwe y'inyeshyamba irwanya ubutegetsi bw'u Rwanda, ikaba ishinjwa no guhungabanya umutekano wa DR Congo, imitwe ifite ibirindiro mu ntara za Kivu y'Epfo n'iya Ruguru.

Inzobere za ONU/UN mu gihe gishize zavuze ko zabonye ingabo z'u Rwanda ku butaka bwa DR Congo mu bikorwa byo kurwanya izo nyeshyamba, Leta zombi zikaba zahakana ibyo bivugwa.

Ikindi abakuru b'ibihugu byombi batabuze kuvugaho n'iby'Icyorezo cya Covid-19 cyugarije ibihugu byombi kikaba gikomeje kubangamira ubuhahirane n'ubukungu bwabyo muri rusange.




*Perezida Paul Kagame na Tsisekedi wa RDC. (Photo/ File)*

Abakurikiranira hafi amakuru y'Akarere ibihugu byombi biherereyemo bagahamya ko n'Umubano w'u Rwanda na Uganda nawo abakuru b'ibihugu byombi bashobora kuba barawuganiriyeho kubera ko n'ubwo DR Congo n'u Rwanda umubano wifashe neza, ibibazo ntibirakemuka neza hagati y'igihugu cy'u Rwanda n'icya Uganda.

PerezidaTshisekedi aherutse guhura na Perezida Yoweri Museveni ku mupaka wa Mpondwe/Kasindi ndetse mu gihe gishize akaba yari yabaye umuhuza w'u Rwanda na Uganda hakizerwa ko, hakomeza kubaho umuhate we, wo guhuza impande zombi kubw'inyugu za Politiki n'ubukungu nk'ibihugu bituranye kandi bihuzwa na byinshi.

Abasesenguzi batandukanye mbere y'uko Abakuru b'ibihugu bombi bahura bifuzaga ko haganirwa ku Ubusabe bwa DR Congo bwo kwinjira mu muryango w'ibihugu bya Africa y'Iburasirazuba (EAC) kugira ngo RDC ize kongerera imbaraga ibihugu bya EAC kurushaho.

Ikindi abasesenguzi bavugaga ko byaganirwaho ni ku ngingo ireba abakuru b'ibihugu byombi yakunze kuvugwa irebana na Mapping Report (2010) ya ONU/UN, yavugaga ku bwicanyi ngo bwakorewe mu burasirazuba bwa Congo (1993 – 2003), raporo yashinjaga abasirikare b'u Rwanda kubigiramo uruhare.

Mu kwezi gushize ubwo ba Perezida bombi bari bari kumwe mu gihugu cy'u Bufaransa, Perezida Paul Kagame yavuze ko nta byaha byigeze bikorwa n'ingabo z'u Rwanda muri kariya gace ka RDC kavugwa..

Perzida Félix Tshisekedi akavuga ko hakwiye kubaho ubutabera ku bivugwa n'iyo raporo kandi byaba ari byiza byiza Perezida Kagame abashije gufasha ngo ibyo bibe.

Ibireba akarere na Africa muri rusange abasesenguzi bavuga ni uko PerezidaTshisekedi yaraheruste i Maputo mu nama y'ibihugu bigize Africa y'Amajyepfo (SADEC) ku kibazo cy'inyeshyamba mu ntara ya Cabo Delgado ya Mozambique, n'inyeshyamba za ADF muri DR Congo.

Inama ya SADEC ikaba yari yemeye kohereza muri Mozambique ingabo z'ibihugu zo gufasha ubutegetsi bwa Maputo kurangiza icyo kibazo. Gusa ntihavuzwe ibihugu byose izo ngabo zagombaga guturukamo. Na cyane ko Perezida Filipe Nyusi yari aherutse mu Rwanda kugisha inama mugenzi we ku kibazo cya Cabo Delgado, nk'uko ikinyamakuru AfricaIntelligence cyabivuze.

Kubirebana na Afurika, Abasesenguzi bifuzaga ko Perezida w'u Rwanda n'uwa RDC, baganira no ku kibazo cy'intambara yo muri Tigray, na cyane ko kino gihe Perezida Tshisekedi ariwe ukuriye Ubumwe bwa Africa isabwa kugira icyo yakora mu buryo bugaragara.

La Medicale

Ubutumwa bwo kwibohora ku nshuro ya 27



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi b'ibitaro LA MEDICALE KWA KANIMBA bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



# Ijambo ry'ibanze

## Abanyarwanda barasabwa gukomeza kwirinda no gukumira Covid 19

Umwaka n'amezi arenga atatu birashize Icyorezo cya Covid 19 kigaragaye mu Rwanda.

Muntangiriro hakaba harahise hashyirwaho ingamba za Guma m'urugo na guma m'Uturere kugira ngo icyo cyorezo gihashywe kurushaho uko bikwiriye.

Izo ngamba zagiye zifatwa, zikaba zaratanze umusaruro kubere ko akenshi wasangaga handuye umuntu umwe cyangwa se batatu kugeza n'ubwo hashiraga icyumweru nta mutu urahitanwa n'icyo cyorezo mu gihe mu mahanga ho byacikaga cyane nko mu bihugu by'i Burayi na Leta zunze Ubumwe z'Amerika.

Ikibabaje ni uko nyuma gato muri aya amezi ya vuba, icyorezo gisa nicyongeje umurego aho ubwandu buri kwiyongera umunsi ku wundi ariyo mpamvu Leta ikora ibishoboka igashyiraho ingamba nshya zigamije kugabanya no gukumira ubwo bwiyongere bukabije.

Mu ngamba za hafi ni uko abantu bategetswe kuguma m'Uturere kugira ngo urujya n'uruza rugabanuke.

Urugero rwa hafi rubabaje rugaragara ni uko mu cyumweru kimwe kuva kuva tariki ya 21 kugeza kuwa 28 Kamena 2021,abari bamze kwandura Virus ya Corona bari bageze ku 6571.

Birakwiye ko buri munyarwanda wese yagombye gushyiraho ake, yubahiriza amabwiriza yose agamije gukumira ubu bwandu birimo gukomeza gukaraba amazi n'isabune kenshi, kwambara agapfukamunwa buri gihe kandi neza, gusiga intera ihagije hagati y'umuntu n'undi, kubahiriza amasaha yashyizweho yo guhagarika akazi no guhagarika ingendo ku isaha yagenwe n'ibindi.

Abaturage barasabwa gukomeza gukumira no kwirinda iki cyorezo bakaba bazabishobora igihe cyose bubahirije ingamba zafashwe ndetse bakazigira izabo mu buryo bugaragara.

Leta nayo ariko irasabwa n'abaturage gukomeza kubonera imiti ihagije abagaragaje ibimenyetso by'ubwandu bwa Covid 19 ndetse no kwihutisha gushaka inkingo kubatarakingirwa kuko bakiri benshi hagereranyijwe n'abantu ibihumbi 300 birengaho gato bamaze gukingirwa bonyine.

*Ubwanditsi*

# Abasaza bafungiye icyaha cya Jenoside barasaba Nyakubawa Perezida wa Repubulika kubafasha gusazira iwabo

Mu minsi mike ishize, ikinyamakuru igisabo cyahuye n'umwe mu basaza wari urangije igihano yakatiwe n'urukiko rwamuhamije kubera icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, maze aduha bumwe mu butumwa yahawe n'abasaza bagenzi be bakiri muri gereza bazira ibyaha nk'ibye.

Uyu musaza w'imyaka 77 uvuga ko yamaze imyaka 26 muri gereza kubera ko yafunzwe 1995. Avuga ko ubwo yari agiye gusohoka ngo atahe, bamwe mu basaza bagenzi be bamaze imyaka 27 bafungiye icyaha cya Jenoside ngo baramwihereranye bamuha ubutumwa bifuza ko yazabagereza ku mubyeyi nk'uko bamwita Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Agira ati « bantumye kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ngo nzashake aho nabanyuriza ubutumwa bwabo, ku buryo bwamugeraho akumva ikifuzo cyabo bakaba bizeye ko azumva ugutakamba kwabo akabaha imbabazi zatuma basazira iwabo.»

Muri ubwo butumwa uwo musaza yifuje ko ikinyamakuru igisabo.rw cyatangaza butakambira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Bugira buti « Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Twebwe bamwe mu basaza bahamijwe icyaha cya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, tubandikiye tubasaba imbabazi tubikuye ku mutima. Turabasaba Mubyeyi, kudufasha mu bugwaneza bwanyu mukaduha imbabazi zadufasha gusazira mu ngo iwacu aho kugira ngo dukomeze kuba umuzigo kuri Leta.»

Muri aya magambo banditse batuma uyu musaza mugenzi wabo, bavuga ko babajwe cyane n'icyaha cya Jenoside bakoreye abatutsi kandi bari abavandimwe batagiraga icyo bapfa na gitoya.

Bavugako ibyo bakoze



*Abasaza bafungiye icyaha cya Jenoside barasaba imbabazi Perezida wa Repubulika. (Photo/ File)*

babikoranye ubujiji no kutibaza na gato ingaruka zagombaga gukurikiraho kuko ngo bibeshyaga ko bafite ubutegetsi bukomeye buzabarinda, nyamara ngo baje gukorwa n'ikimwaro babonye ingabo bafatanyaga mu kwica arizo Nzirabwoba zibahunze zikabasiga aho ngaho.

Aba basaza bemera cyane ko Jenoside bakoze nta mbabazi bari bakwiye iyo ngo batagira Leta y'ubumwe iyobowe na Nyakubahwa Paul Kagame wanahagaritse iyo Jenoside bagizemo uruhare.

Abo basaza bavuga ko basaziye muri Gereza bategereje urupfu gusa kuko nk'abafunzwe ngo bari mu mamyaka 50, bamwe ntibakibasha no guhaguruka yewe no kurya ngo ntabyo bagishoboye kubera kurwaragurika aribyo bituma basaba Nyakubahwa Perezida wa Repubulika imbabazi muri iki gihe hibukwa imyaka 27 ku bafasha nk'uko yafashije bagenzi babo muri 2004, bagahabwa imbabazi bakaba bari gufatanya n'abandi banyarwanda kubaka igihugu.

Aba basaza basaba imbabazi zo kujya gusazira mu miryango yabo ikazaba ariyo yabaherekeza igihe urugendo rwabo rwarangira ku isi bagashyingurwa nabo batabanje gukomeza kuba umuzigo kuri Leta.

Bavuga ko imyaka bamaze bagororwa yababereye igihe kinini cyo kwicuza kwigaya no gusaba imbabazi imiryango bahemukiye, ubuyobozi bw'igihigu n'abanyarwanda bose ku bw'icyaha ndengakamere cya Jenoside.

Bakomeza bavuga ko bafashijwe n'ubuyobozi bwa Gereza bibumbiye mu ma Club y'ubumwe n'ubwiyunge, bavugisha ukuri ku bibi bakoze byatumye banafungwa, bakaboneraho no gutanga amakuru ngo y'aho bagiye bashyira imibiri y'abo bishe, banasaba imbabazi abo biciye babicishije ku buyobozi bwa gereza no ku miryango bakomokamo ndetse ngo banasaba imbabazi umuryango nyarwanda muri rusange.

Uyu musaza wazanye ubutumwa bwa bagenzi be akishimira ko atumitse ibyo yatumwe agasaba Nyakubahwa Perezida wa Repubulika guca inkoni izamba akumva amarira y'abo basaza bifuza kuzashyingurwa n'imiryango yabo kuko abenshi ngo bafunzwe mu 1994, bamaze kugera mu zabukuru.

Igisabo.rw



*Gusaba imbabazi ni inzira imwe yubwiyunge. (Photo/ File)*

IGISABO NEWSPAPER

Igisabo Newspaper Tel: +250 781300749,
Email;igisabonews1@gmail.com
Website; www.igisabo.rw

EDITORIAL TEAM
PUBLISHER/ DIRECTOR
Edouard Niyonkuru
EDITOR: Uzabakiriho Gabriel
JOURNALISTS:
Uzabakiriho Gabriel
Uwimana Sonia
Hope Janviere Uwitonze
Abawedawe Immaculée
Nyiramayira Boudenciane
Raoul Nshungu
Matata Christophe

# Icyo utamenye ku mateka atangaje y'igihugu cya Isiraheli

Izina ry'Igihugu cya Isiraheli rikomoka kuri sekuruza wabo Yakobo mwene Izaki, Bibiliya itubwira ko yaryiswe na Malayika w'Imana Kerobimu, barwanye umunsi wose bukarinda bwira maze bugacya ataramutsinda Yakobo akanga kumurekura atamuhaye umugisha, aribwo yahise amuha izina rya Isiraheli kubera ko yakiranyije Imana.

Ubundi amateka ya Isiraheli ni magari cyane, avugwa kuva ku Umukurambere wabo mukuru Aburahamu waturutse mu gihugu cy'Abakaludaya (Iraki ya kino gihe), wahageze ari umusuhuke. Ubwo yari ageze mu gihugu cya Kanani (Palestine), yaje kuhashinga ihema ahatura we na mwene se wabo Loti, aza kuhabyarira abana babiri aribo, Isimayire ku muja we Hagari na Isaac kuri Sarayi.

Nyuma baje gusuhukira mu Misiri bagaruka ari ihanga rikomeye ryirukana ibihugu n'abami bahasanze barabica ndetse bamwe babatsemba burundu nk'Abafilisitiya bahanaguwe ku ikarita y'isi barimbuwe n'Umwami wa 2 wa Isiraheli witwa Dawidi.

Muri icyo gihe cya kera bukaba ubuyobozi bwitwaga ubwami bwa Isiraheli. Ubwo buyobozi bwari ubutegetsi bushingiye ku migenzo n'imyitwarire by'amategeko y'Imana (Uhoraho, Uwiteka, Yahvé, Yahweh, Allah/ nk'uko bagiye bayita bakurikije akarere n'ururimi rwabo) nk'uko yanditse mu gitabo cyaje kwitwa Bibiliya cyanditswe n'Intumawa yayo Musa/Mose, avuye ku musozi wa Sinayi, ubwo Imana yamubonekeraga ikamubwira ko ari Imana ya Abrahamu, Izaki na Yakobo.

Bivugwa ko iyo migenzo n'imizirir've byabo aribyo byabatandukanyaga n'andi mahanga abakikije yasengaga ibigirwamana by'amoko menshi.

Yakobo rero kubera icyo gikorwa cyo gukirana na Malayika agatsinda afatwa nka se w'imiryango cumi n'ibiri (Abana ba Israheli), yaje guhungira mu Misiri (Egiputa) ahunga icyorezo cy'inzara.

Nyuma ariko baje gutotezwa, bahitamo guhunga iryo totezwa bagaruka mu gihugu cya Kanani aho barwanye inkundura n'abami bahasanze bongera kwigarurira igihugu cyabo.

Muri icyo gihe babanje kuyoborwa n'Abacamanza, ariko nyuma bisabira kuyoborwa n'umwami Imana irabibemerera.

Bene Yakobo aribo Abayisiraheli, iyo migenzo yabo yihariye yo gusenga Imana imwe (Uhoraho/Uwiteka) bagasa n'aho bitandukanyije n'andi mahanga abakikije yisengeraga imana nyinshi (ibigirwamana) bibaviramo kwangwa n'ayo mahanga y'ubwami bukomeye bubakikije, byatumye ayo mahanga aza kubagabaho ibitero ndetse aranabigarurira basenya Hekaru arirwo rusengero rwabo bari barubatse imyaka 40, babajyana bunyago barababara cyane.

Cyakora nyuma y'igihe y'igihe baje kugarurwa mu gihugu cyabo, bongera gukora imigenzo yabo yo gusenga Imana imwe.

Amateka avuga ko umurwa mukuru wa Yeruzalemu washenywe inshuro esheshatu zose uzize urugomo rwabo bami b'abanyamahanga baziraga Abayisiraheli ndetse bakabatatanyiriza mu bihugu byo hirya no hino ku isi, ibyasaga no gusiba igihugu cyabo ku ikarita y'isi.

Gusa ariko ku bw'amahirwe, Abayisiraheli bakoresheje abanyapolitiki babo bakomeje kugenda basakuza bereka isi y'icyo gihe ko barenganye, bagasubizwa mu gihugu cyabo. Hari n'abابyitirira ko gutatanyirizwa mu mahanga yo munsi y'ijuru cyari igihano cy'Imana yabo ko bayisuzuguye nayo ikabahana. Izo nyandiko zerekeye guhanwa kwabo zanditse muri Bibiliya Yera/ Ntagatifu.

Abami bavugwa bazwi cyane bayoboye ubwami bwa Israheli, hari Sawuli wasimbuwe na Dawudi abanje kurwana kinyeshyamba, aho Sawuli agwiriye ku rugamba n'umuhungu we Yonatani, wari kuzamusimbura ku ngoma, imiryango 12 ya bene Yakobo iraterana yimika Dawidi ngo abe ariwe umusimbura ku ngoma, kubera ko yari yarerekanye ubutwari ku rugamba, kandi abaturage bamufitiye ikizere, cyane ko no mu gihe cy'ihunga rye, yakomeje kurengera igihugu cye arwana n'abanzi bagiteraga, atitaye ko yari yanzwe n'umwami Sawuli. Nyuma yo gutabaruka Umwami Dawidi yasimbuwe n'umuhungu we Salomoni n'abandi bakurikiranye!

Aho Igihugu giherereye

Isiraheli y'ubu isangiye umupaka na Libani mu majyaruguru, na Siriya mu majyaruguru yerekeza iburasirazuba, n'uruzi rwa Yorodani i burengerazuba n'igihugu cya Misiri n'intara ya Gaza mu majyepfo. Ikaba ikora kandi no ku nyanja ya Mediterane mu burengerazuba n'Inyanja Itukura ariyo (Ikigobe cya Aqaba) mu majyepfo.



*Ingabo za Israeli zifite ibikoresho bikomeye bidasanzwe. (Photo/ File)*

Ubuso bwose kugeza ubu bugenzurwa na Isiraheli mu buryo butaziguye cyangwa igice, burimo n'uturere twa Palesitine two ku nkombe y'Iburengerazuba ukuyemo Gaza, bwose hamwe ni kilometero kare 27.799, ifite kandi n'utundi duce tw'Abarabu yigaruruye mu ntambara zagiye zibashyamiranya.

Isiraheli ifite imiterere itandukanye, kuva mu butayu bwa Negev mu majyepfo kugera mu misozi ya Galilaya na Golan mu majyaruguru.

Kuva iburengerazuba ugana iburasirazuba, igihugu kigizwe n'ikibaya cyo ku nyanja.

Imisozi miremire, uhereye mu majyaruguru ugana mu majyepfo, ku musozi wa Gilboe, imisozi ya Samariya, umusozi wa Efurayimu. , Imisozi ya Yudaya, hakaza n'imisozi ya Shefelah iburengerazuba.

Hari kandi n'Ikibaya Isiraheli ifite ku nkombe z'inyanja ya Mediterane, gifite uburebure bwa kilometero 194, gituwe hafi na 70% by'abatuye iki gihugu cyose.

Amateka ya vuba ya Isiraheli (1948-2021)

Ku ya 14 Gicurasi 1948, nibwo Ubwongereza bwahagaritse manda yo kuyobora agace ka Israheli ibarizwamo. Perezida David Ben-Gurion, nibwo yatangaje ubwigenge bwa Leta ya Isiraheli bityo aba na Minisitiri w'intebe wa mbere.

Ibihugu by'abarabu nabyo icyo gihe byahise bitangiza intambara. Isiraheli yinjira mu ntambara ihanganye n'ibihugu by'abarabu bikomeye hafi ya byose aribyo Misiri, Siriya na Iraki hagati ya 1948-1949.



*Mu ntambara y'iminsi 6 yabaye ngufi yambere Israeli itsinda ibihugu 7 byose cyarimwe. (Photo/ File)*

Mu gihe gito cy'imirwano, Isiraheli yahise yagura imbibi z'igihugu cyayo. Mu 1949 hasinywe amasezerano yo guhagarika imirwano, ariko Isiraheli yari yamaze kwigarurira akarere ka Gaza, Libani, Yorodani, no mu burasirazuba bwa Yeruzalemu. Iyo mirwano ikaba yarateye ubuhunzi bukomeye byaje gutera ikibazo gikomeye ku isi yose.

Impunzi z'Abarabu mu 1948.

Muri iyo ntambara ya Isiraheli n'Abarabu yo mu 1948-1949, Abarabu bagera kuri 750.000 bo muri Palesitine kuri 900.000 bari batuye muri utwo turere, babigiriwemo inama n'ibihugu by'Abarabu bategetswe guhunga uduce twose bari batuyemo, bizeye ko bazatsinda Isiraheli mu gihe gito bagasubizwe iwabo. Kugeza na n'ubu bakaba baraheze mu bihugu bya Siriya na Libani no mu bindi bihugu by'Abarabu.

Mu myaka yakurikiye ishingwa rya Isiraheli, abayahudi benshi bari batuye mu mahanga yose nabo bakaba barahungutse bagana igihugu cyabo.

Imipaka y'igihugu cya Isiraheli

Kuva aho Abarabu batsindiwe intambara, Imipaka y'igihugu cya Israheli yarahindutse iriyongera hashingiwe cyane

# Ibyo Macron yavuze asaba imbabazi ni ingenzi ku Mateka Yacu

Ni mu gisubizo Nyakubahwa Perezida Paul Kagame aherutse guha Umunyamakuru wa bloomberg witwa Zain Verjee, amubaza uko yakiriye ijambo Emmanuel Macron aherutse kuvugira ku Urwibutso rwa Kigali ruherereye ku Gisozi ryo gusaba imbabazi, akamubwira ko ibyo Macro yavuze, bidafitiye gusa abanyarwanda akamaro, ahubwo ko binagafitiye abantu benshi mu kwerekana no kugaragaza amateka yaranze u Rwanda n'u Bufaransa.

Ibi byose bikaba bishingirwa ku ijambo Emmanuel Macron aherutse kuvugira mu Rwanda, avuga ko abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, aribo bakwiriye kubabarira isi yose yagaragaje intege nke, ubwo jenoside yatwaraga abasaga Miliyoni bo mu miryango yabo.

Muri icyo kiganiro, Umunyamakuru abaza Perezida Paul Kagame uko abibona, niba Perezida w'u Bufaransa yarasabye imbabazi u Rwanda kubera uruhare igihugu cye cyaba cyaragize muri Jenoside yakoreweAbatutsi.

Igisubizo Perezida Paul Kagame yamushubije ni icy'uko ibyo Perezida w'u Bufaransa yavuze, bitagombye kureberwa cyane ku ugusaba imbabazi ahubwo byakagombye kureberwa mu kamaro bifitiye abantu mu kugira ngo bamenye by'ukuri amateka nyakuri yaranze u Bufaransa mu mibanire yabwo n'u Rwanda.

Avuga ko mbere na mbere kuba Macron yarasuye u Rwanda ari ingenzi kandi ko n'ijambo yavuze icyo gihe naryo rifite agaciro karyo kuko ryerekanye mu by'ukuri



*Perezida Kagame na mugenzi we Macro w'u Bufaransa igihe yasuye u Rwanda. (Photo/ File)*

uruhare igihugu cye cyagize mu mateka y'u Rwanda.

Perezida Paul Kagame avuga ko akamaro k'ijambo rya Macron ari uko gakomeza kakagera no mukuvuguruza bamwe bahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Agira ati « Ijambo rye ryagize akamaro mu nzego nyinshi harimo no kuvuguruza abavuga ko habaye ho Jenoside itari iyakorewe Abatutsi.»

Ubwo aheruka mu Rwanda Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macron akaba yaremeye uruhare rw'igihugu cye mu mateka yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Avuga ko muri iki gihe ibihugu byombi bigomba guharanira umurage mwiza uzasigirwa abato.

Ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Kigali ruri ku Gisozi Emmanuel Macron yahavugiye ijambo ryagarutse ku ruhare igihugu cye cyagize muri Jenoside yo mu 1994, avuga ko yateguwe kandi ko yari igambiriye kurimbura Abatutsi.

Ashimangira ko Jenoside idapfa kubaho, ko itegurwa kandi ikigishwa igihe kirekire.

Perezida Macron avuga kandi ko abakoze Jenoside batari bazi isura y'u Bufaransa ku buryo butakwitwa umufatanyacyaha, ariko agaragaza ko hari inshingano bwirengagije.

Avuga ko yemera ko kuva mu 1990 ubwo hatangiraga urugamba rwo kubohora u Rwanda no mu mwaka wa 1993 mu gihe cy'amasezerano ya Arusha yari agamije guhagarika imirwano hagati y'ingabo za Leta ya Habyarimana n'ingabo za RPF, u Bufaransa butumvise amajwi yose.

Agira ati « U Bufaransa ntabwo bwigeze bwumva ko mu gushaka gukumira intambara mu karere, bwagiye ku ruhande rw'ubutegetsi bwateguraga Jenoside. Mu kwirengagiza intabaza zatangwaga n'ababirebaga, u Bufaransa bwagize 'uruhare rukomeye' mu byagejeje ku bibi bikomeye mu mateka, mu gihe bwashakaga kubikumira.»



*Perezida Macron w'u Bufaransa ubwo yasuraga urwibutso rwa Gisozi. (Photo/ File)*

## Icyo utamenye ku mateka atangaje y'igihugu cya Isiraheli

*Ibikurikira urup. 4*

ku kibaba bari bakingiwe n'amasezerano y'amahoro yagiye asinywa, ahagarariwe n'imyanzuro imwe n'imwe y'umuryango w'abibumbye yagiriye akamaro kanini Leta ya Isiraheli, nk'uwa 181 w'Inteko rusange y'umuryango w'abibumbye ushyigikira itegeko nshinga ry'igihugu cy'Abayahudi.

Undi mwanzuro wa 242 w'Akanama gashinzwe amahoro ku isi cyo mu w'i1967, cyakozwe nyuma y'intambara y'iminsi itandatu n'icyemezo 338 cyo ku ya 22 Ukwakira 1973 cy'umuryango w'abibumbye, akanama gashinzwe umutekano ku isi , byose byabogamiye kuri Isiraheli ku buryo na n'ubu iyo haramutse hari, utinyutse kuyivuga nabi mu izina, igihangange nka Leta zunze ubumwe z'Amerika, Ubufaransa n'Ubwongereza birahaguruka bikamwamaganira kure, ndetse cyaba ari igihugu kijegajega muri politiki nka Iraki na Libiya icyo gihe Amerika ibyo bihugu ibagabaho intambara igasenya byabo byose bazira gutunga urutoki umwana Isiraheli bivugwa ko ari umwana wabo ukunzwe cyane.

# Rwanda: Dr Ngamije aravuga impamvu y'ubwiyongere bukabije bwa Covid 19

Minisiteri y'Ubuzima mu Rwanda itangaza ko byamaze kugaragara ko hirya no hino mu baturage hari icyorezo cya Covid-19 ku buryo bukabije ari nayo mpamvu hafashwe ingamba nshya zigamije gukumira ikwirakwira ryacyo.

Ni nyuma y'uko Inama y'Abaminisitiri idasanzwe iherutse guterana mu minsi ishize kuwa 21 Kamena 2021, yafatiwemo imyanzuro irimo ingamba nshya zo kwirinda ikwirakwira rya Covid-19, zirimo amasaha abantu badakwiye kurenza bataragera mu ngo zabo ndetse no guhagarika ingendo zihuza Umujyi wa Kigali n'intara ndetse n'izihuza uturere.

Muri rusange mu byemezo bikomeye byayifatiwemo harimo ko ingendo zibujijwe guhera saa Moya z'ijoro kugeza saa Kumi za mu gitondo mu gihe ibikorwa byose byemerewe gukomeza bizajya bifunga saa Kumi n'ebyiri z'ijoro.

Minisitiri w'Ubuzima, Dr Ngamije Daniel, avuga ko kugeza ubu nko mu Mujyi wa Kigali hari inyubako zihuriramo abantu benshi nka CHICK, MIC mu isoko ndetse no mu mavuriro yaba ayigenga ndetse n'akorana na leta hagiye hagaragara abantu benshi banduye Covid-19.

Minisitiri Dr Ngamije avuga ko Guverinoma yahisemo kugabaganya amasaha y'ingendo igamije no kugabanya urujya n'uruza mu masaha y'umugoroba kuko aribwo usanga abantu bakora ibikorwa birimo ubusabane haba mu miryango n'ahandi, bityo bikaba nabyo biri mubituma habaho kwanduzanya Covid-19.

Agira ati « Ingamba zafashwe ni uko Covid-19 yandura kubera ko abantu bari mu rujya n'uruza, abanduye bakanduza abandi kubera ko bose baba badohotse ku mabwiriza yo kwirinda, icyemezo cyo kugira ngo urujya n'uruza rw'abantu ruhagarare hakiri kare ni uko amasaha ya nimugoroba aribwo wasangaga bavuye mu kazi bafite aho bahitira hatandukanye, ahazwi n'ahatazwi, bakajya mu busabane butandukanye bigatuma habaho kwanduzanya.»

Abajijwe niba mu Rwanda hari ubushobozi ko bwo kwita ku barwayi ba Covid 19, Ministiri Ngamije avuga ko kuva tariki ya 04 Kamena 2021, imibare y'abandura Covid-19, yiyongera ubutitsa, ibi kandi ngo bikajyana n'umubare w'abarembeye mu Bitaro ndetse



*Minisitiri w'u buzima Dr. Ngamije Daniel. (Photo/ File)*

n'ibigo byagenewe kwita ku barwayi b'iki cyorezo. Umubare w'abarwayi n'abarembye kandi ujyana n'abahitanwa n'iki cyorezo kuko kuva icyo gihe bariyongereye bikabije.

Imibare ya Minisiteri y'Ubuzima y'uko icyorezo gihagaze umunsi ku munsi igaragaza ko uhereye nko ku wa 11 Kamena ukageza ku wa 20 Kamena 2021, mu gihugu hose hari hamaze kuboneka ubwandu bw'abantu 3153, iminsi yakurikiyeho nayo ubwiyongere bw'abandura n'abitaba Imana bakaba barakomeje kuzamuka ku buryo nko kuva kuwa 21 kugera kuwa 28 kamena abanuye bari 6571 mu cyumweru kimwe barimo 964 banduye kuwa23 kamena umubare wabaye muremure kurushaho kuva umuntu wa mbere wanduye icyorezo agaragaye muRwanda.

Ni muri urwo rwego, Minisiteri y'Ubuzima itangaza ko kubera ubwo bwiyongere budasanzwe bw'abarwayi bashya ba COVID-19, ikigo nderabuzima cya Kanyinya cyamaze kongera kwakira abarwayi b'icyo cyorezo kuko ibitaro bya Nyarugenge bisanzwe bibakira byamaze kuzura.

Minisitiri Dr Ngamije avuga kandi ko kugeza ubu ibijyanye n'ubushobozi bwo kwita ku barwayi bwongerewe baba abavurirwa mu ngo zabo, abajyanwa mu Bitaro by'Uturere ndetse n'abajyanwa mu bigo byabugenewe birimo Kanyinya, Gatenga na Nyarugenge.

Agira ati « Umuntu yavuga ko ubushobozi twari dusanganywe mu kwita ku banduye Covid-19, twagerageje no kubwongera ku buryo mu bitaro byose ufite ikibazo yakwitabaza ibitaro bimwegereye ahereye ku kigo nderabuzima kikaba cyamwohereza ku bitaro by'akarere, hari ibyumba biteganyijwe byo kwakira abantu bafite ibimenyetso bikaze cyangwa bidasanzwe bya Covid-19."

Akomeza avuga ko uretse biriya bigo bisanzwe bizwi mu Mujyi wa Kigali ko n'ahandi mu gihugu bihari kandi ko byahawe abaganga bihariye bashinzwe kwita ku barwayi ba Covid-19.

Avuga ko abaherereye mu Ntara y'i Burasirazuba bagana ibitaro bya Kibungo , mu Ntara y'amajyaruguru ni mu bitaro bya Kinihira na Ruhengeri, Intara y'iburengezuba ni mu bitaro bya Karongi ndetse no mu bitaro bya CHUB n'ibya Kagbayi mu Ntara y'Amajyepfo.

Agira ati «Icyo dusaba abantu ni uko abafite ibimenyetso bidasanzwe, birimo guhumeka nabi, gucika intege batagomba kuguma mu ngo zabo ahubwo bihutire kugana ibigo nderabuzima bibegereye kugira ngo biborohereze ku bitaro naho tukaba twiteguye kubakira.»

Dr Ngamije kandi agaruka ku mwuka uhabwa abarwayi ba Covid 19.

Agira ati «Ikindi ni uko abarwayi navuga barembye cyane bakunda gukenera umwuka n'imiti, hari imiti dusanzwe dutanga ku bantu barwaye Covid-19, iyo miti ikaba iri mu bitaro byose by'igihugu. umwuka nawo turawutanga iyo bibaye ngombwa tukaba turimo no kongera ubushobozi bwo kuwukora ku buryo twabasha guhangana n'ubwiyongere bw'abarwayi.»

Ikidi avuga ni uko hari abantu bagiye bava hanze bagasanganwa virusi nshya, Mu bihugu bitandukanye baturukamo avuga ni nk'u Bwongereza, u Buhinde n'ahandi hagiye hagaragara ubwoko bushya bwa Virus ya Covid-19, ikaba virusi yandura mu buryo bukomeye ugereranyije n'isanzwe ndetse n'uburyo bwo kwicamo abantu buba butandukanye.

Mu minsi ishize kandi muri Uganda hagaragaye ubwoko bushya bwa Coronavirus bwitwa Delta Plus, ikaba ari nayo ntandaro y'uko icyo gihugu kiri kubona imibare iri hejuru y'abandura byatumwe hashyirwaho Guma m'urugo y'iminsi 40.

Abahanga bakaba bagaragaza ko ari virusi ikwirakwira mu buryo bwikubye inshuro enye ugereranyine n'iya mbere yaturutse Wuhan mu Bushinwa. Ikindi ni uko iyi virusi yica abantu vuba mu buryo bwikubye inshuro ebyiri.

Aha niho Minisitiri Dr Ngamije avuga ko mu Rwanda hakomeje gufatwa ibipimo kugira ngo hagenzurwe niba nta bwoko bwayo bushya buri mu gihugu ndetse kugeza ubu abamaze kubugaragaraho bakaba ari abagiye bafatirwa ku Kibuga cy'Indege.

Agira ati "Bake cyane twabonye bafite ubu bwoko bushya bwa Coronavirus ni abavuye hanze kandi tubapimira ku kibuga cy'indege ku buryo butigeze bukwirakwira mu baturage."

Akomeza agira ati "hari ibipimo turimo gufata muri iyi minsi kugira ngo turebe niba hari ubwoko bushya bwo mu Buhinde, bwa Coronavirus Delta, niba bwaba bwarageze mu gihugu cyacu, gusa kugeza ubu nta bimenyetso biratwereka ko bwaba buhari."

Minisitiri Dr Ngamije asoza avuga ko abantu bakwiye kwirinda cyane kuko uburyo iyi virusi yihinduranya bikomeye cyane ndetse bishoboka ko hazaza n'ubundi bwoko bushya.

# Icyo wamenya ku ngengo y'imari 2021-2022

Mu minsi mike ishize nibwo Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Dr. Uzziel Ndangijimana, yari yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, umushinga w'Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2021-2022, ingana na miliyari 3.807 Frw ikaba yariyongereyeho miliyari 342,2 z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije n'iyakoreshejwe mu 2020-2021.

Iyi ni ingengo y'imaribivugwa ko izibanda ku bikorwa byo kuzahura ubukungu, bwamanutse ku kigero cya 3.5% mu mwaka ushize, ariko kandi bukaba bwitezweho kuzazamuka ku kigero cya 5.1% muri uyu mwaka, ndetse na 7% mu 2022 mu gihe byitezwe ko buzazamukaho 7.8% mu 2023 na 2024 nk'uko Ministeri y'imari ibisobanura.

Muri iyi ngengo y'imari kandi agera kuriMiliyari 1.872,7 Frw ahwanye n 49,2 % azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe, ni ukuvuga mu bikorwa birimo kwishyura imishahara, kugura ibikoresho nkenerwa n'ibindi.

Amafaranga azakoreshwa mu mishinga y'iterambere no mu ishoramari rya Leta akaba azagera kuri miliyari 1.934,2 Frw bingana na 50,8 % by'ingengo y'imari yose. Aha hakaba ari naho hagaragaramo amafaranga yo gushyigikira ibikorwa by'abikorera mu guhangana n'ingaruka z'icyorezo cya Covid-19.

Muri aya mafaranga kandi 67% ahwanye na miliyari


*Minisitiri w'imari Dr. Uziel. (Photo/ File)*

2.543,3 Frw akazaba akomoka mu mutungo w'imbere mu gihugu, ni ukuvuga mu misoro itandukanye.

Inkunga z'amahanga muri iyi ngengo y'imari ni Miliyari 612,2 Frw bihwanye na 16% by'ingengo y'imari yose, naho inguzanyo z'amahanga zikazaba ari miliyari 651,5 Frw bihwanye na 17%.

Ikindi kivugwa ni uko Uyu mwaka wa 2021 uzasiga Ikibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Bugesera kigeze kuri 85%

Kikaba kimwe mu bikorwa by'ingenzi bihanzwe amaso bizakorwa muri iyi ngengo y'imari.

Ikibuga cy'Indege cya Bugesera kizuzura gitwaye miliyari 1,3$, kikaba cyubakwa ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda na Qatar, ifitemo imigabane ingana na 60%.

Iki kibuga kizubakwa mu byiciro bibiri, aho icya kabiri ngo kikirimo gukorerwa inyingo, imirimo y'iyubakwa ryacyo ikaba igeze hejuru ya 80%.

Ingengo y'imari ikaba yaramaze kwemezwa n'inteko ishinga amategeko y'u Rwanda kuwa mbere tariki ya 28 Kamena 2021, aho banishimiye ko Leta yumvise kuburyo bwose ibitekerezo n'inama bayigiriye kumigendekere myiza y'iyo ngengo y'imari nshya.

# Rusesabagina wanze kwitaba ubutabera yasabiwe gufungwa burundu

Umunyarwanda wiyise Umubirigi Paul Rusesabagina, Ubushinjacyaha buherutse kumusabira igifungo cya burundu ku byaha byose akurikiranyweho bifitanye isano n'iterabwoba byakozwe binyuze mu mutwe wa FLN yari mu bayobozi bawo ukagaba ibitero mu Rwanda.

Ubushinjacyaha bwavuga ko busanga ibyaha Rusesabagina akurikiranyweho bigize impurirane y'icyaha bityo bukaba bwaramusabiye igihano ntarengwa cyo hejuru aricyo igihano cyo gufungwa burundu.

Rusesabagina Paul wabaye Umuyobozi w'Impuzamashyaka ya MRCD ufite Umutwe w'Ingabo wa FLN wagize uruhare mu bitero byagabwe mu Rwanda bikagwamo abaturage b'inzirakarengane mu bihe bitandukanye, ntiyari mu rukiko kubera ko kuva ubwo ibyaha ashijwa we na bagenzi be byatangiraga kuburanishwa mu mizi yivanye m'urubanza avuga ko atizeye kuzahabwa ubutabera yifuza.

Ubushinjacyaha busobanura ko Rusesabagina yashinze umutwe w'ingabo utemewe ndetse ngo muri Mata 2018 MRCD ye na bagenzi be igashinga umutwe w'ingabo utemewe wa FLN.


Ubushinjacyaha bwibutsa ko gushinga umutwe w'ingabo utemewe bihanwa n'amategeko aho umuntu wese urema umutwe w'ingabo ahanishwa igifungo kuva ku myaka 10 kugeza ku myaka 15.

Avuga ko icyo gikorwa cye kigize icyaha cyo kurema umutwe w'ingabo utemewe kandi ko Rusesabagina yagikoze ubwe, bityo ko akiryozwa nka gatozi.

Ikijyanye n'ibyaha by'iterabwoba Rusesabagina akaba ngo yarabikoze hagati ya 2018 na 2019, ubwo abarwanyi b'umutwe w'iterabwoba wa MRCD-FLN bafataga intwaro bakagaba ibitero muri imwe mu Mirenge ya Nyaruguru , Nyamagabe na Rusizi.

Ubushinjacyaba bukomeza buvuga ko ubwo ibyo bikorwa byabaga, Rusesabagina yari umwe mu bayobozi ba MRCD-FLN, yari Perezida wa MRCD akaba n'umwe mu bari bagize icyitwaga College de President ari nacyo cyayoboraga MRCD.

Ubushinjacyaha bukavuga ko ibyo bikorwa byose byakorwaga bigamije gutera ubwoba abaturage cyangwa guhatira Leta y'u Rwanda


*Paul Rusesabagine yanze kwitaba urukiko. (Photo/ File)*

kugirana imishyikirano na MRCD-FLN.

Ubushinjacyaha buvuga kandi ko muri rusange Rusesabagina aza nka gatozi mu bikorwa byakozwe na MRCD-FLN n'ubwo atagiye kubigaba ariko azamo nka gatozi kubera ko ariwe ngo wari Perezida ndetse akaba n'umuteranknga.

Ibimenyetso kandi Ubushinjacyaha bushingiraho, buvuga ko ari ibiganiro cyangwa amagambo Rusesabagina ubwe yagiye avuga, ibimenyetso byakuwe muri telefoni ye ndetse n'ibindi bimenyetso by'amajwi n'amashusho byakuwe ku mbuga nkoranyambaga n'ahandi hagiye hashyirwa amatangazo.

Ubushinjacyaha bumaze gusobanura ibi byose, bukaba bwarasabye Urukiko gushingira ku bisobanuro bwatanze rukemeza ko Rusesabagina atigeze yemera ibyaha byose aregwa kandi ibyo akurikiranyweho bikaba bigize ibyaha by'ubugome bityo akaba atagabanyirizwa ibihano hashingiwe ku byo amategeko ateganya.

Ubushinjacyaha bukavuga ko busanga ibyaha Rusesabagina Paul akurikiranyweho bigize impurirane mbonezamugambi kubera ko ari ibyaha bitandukanye bihujwe n'uko bigamije umugambi umwe.

Bityo bukavuga ko hashingiwe ku biteganywa n'amategeko bumusabiye igihano cyo gufungwa burundu kubera ko aricyo gihano cyo hejuru.

Ibyaha Paul Rusesabagina usabirwa igihano cyo gufungwa burundu akurikiranyweho ibyaha icyenda aribyo; Kurema umutwe utemewe, icyaha gihanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 15.

Icyaha cyo kuba mu mutwe w'iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 20, Icyaha cyo gutera inkunga iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 10.

Icyaha cy'ubwicanyi nk'igikorwa cy'iterabwoba, gihanishwa igifungo cya burundu, Icyaha cy'itwarwa ry'umuntu bitemewe n'amategeko nk'igikorwa cy'iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 25, Icyaha cyo kwiba hakoreshejwe intwaro nk'igikorwa cy'iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 25 , Icyaha cyo gutwikira undi ku bushake inyubako, ibigenewe gutwara abantu cyangwa ibintu nk'igikorwa cy'iterabwoba gihanishwa igifungo 25.

Icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi nk'igikorwa cy'iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 25 hamwe n' Icyaha cyo gukubita no gukomeretsa ku bushake nk'igikorwa cy'iterabwoba gihanishwa igifungo cy'imyaka 25.




Divine Hope Co. ltd

# DIVINE HOPE COMPANY LTD

Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba DIVINE HOPE COMPANY LTD bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.




AMEKI COLOR



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba AMEKI COLOR bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



# Imanzi City of Mainz Nursery and Primary School



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba Imanzi City of Mainz Nursery and Primary Schoolbifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



Royal Express



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba ROYALE EXPRESS bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



# Kasesa Distillers & Distributors Ltd




Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba KASESA DISTILLERS & DISTRIBUTORS LTD ikorera mu Mujyi wa Kigali bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.






# Rugali Agro Proccessng Cooperative




Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba RUGALI AGRO PROCCESSNG COOPERATIVE ikorera i Kayonza bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.




# Rosalie Shop Ltd

Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba ROSALIE SHOP LTD ikorera mu karere ka Kirehe bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.







# Libiya: Indege ya Muammar Gaddafi bitaga 'ingoro iguruka' yagaruwe mu gihugu

Mu minsi mike ishize nibwo hatangajwe ko Indege bwite yari iya Muammar Khadafi wabaye umukuru wa Libya, yagejejwe mu murwa mukuru w'icyo gihugu Tripoli, nyuma y'imyaka igera ku icumi ibitswe kandi initabwaho n'igihugu cy'u Bufaransa, nk'uko ibinyamakuru byo muri Libya bibivuga.

Bivugwa ko iyi ndege ya rutura yo mu bwoko bwa Airbus A340, kugaruka kwayo mu kirere cya Tripoli mbere yo kugwa ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Mitiga byatinzweho cyane na Al Arabiya TV mu gitondo cyo kuwa mbere.

Ibinyamakuru byinshi icyo gihe byasubiyemo amagambo ya Minisitiri w'Intebe Abdul Hamid Dbeibah, wari ku kibuga cy'indege mu ijoro ryaribanjirije ategereje ko iyo ndege ihagera.

Uyu muyobozi Mukuru yavugaga ko gutunganya ibirebana n'iyo ndege n'ibindi byose byangombwa ko byarangiye.

Avuga ko Guverinoma y'inzibacyuho ariyo yishyuye byose



*Indege yahoze ariya Khadafi yasubijwe Libya. (Photo/ File)*

kugira ngo igaruke muri Libya kandi ko byakozwe neza.

Ministiri w'Intebe Dbeibah avuga kandi ko mu ndege 14 zisigaye, 12 muri zo nazo zagombaga kugaruka mu gihugu, Gusa ngo hakaba hari hari gukorwa ibishiboka byose kugira ngo ebyiri z'ingenzi muri zo zigaruke vuba.

Al Arabiya Tv, ikomeza ivuga ko indege ya Khadafi, izwi ku izina "ry'ingoro iguruka", yagurukijwe ku butumburuke bwo hasi muri Tripoli ibanza no kuhazenguruka mbere yo kururuka.

Avugana n'abanyamakuru iyo ndege imaze gusubizwa muri Libiya, Ministiri w'Intebe Dbeibah yavuze m'ubuykuri asanga Abaturage b'igihugu bye cya Libiya aribo ubwabo bazagena ibyayo, ari ukumenya niba izakoreshwa n'abategetsi cyangwa se igakoreshwa mu nyungu rusange .

Avuga ko kugaruka mu gihugu kw'iyi ndege yamamaye kuri we n'abenegihugu cya Libiya ari intambwe nziza kubigendanye n'ubukungu n'umutekano by'igihugu muri rusange.

Radio Mpuzamahanga BBC nayo ivuga ko iyo ndege y'agatangaza n'agiciro ko hejuru, mu gihe cyayo ngo yaba yaravuzweho cyane mu ruhando mpuzamahanga.

Khadafi - wategetse Libiya imyaka igera kuri 40, yabonekaga ku ruhando rw'isi mu mwihariko we cyane ko yarangwaga n'ibikorwa bitandukanye byateraga benshi kumwibazaho, yiciwe mu mujyi avukamo wa Sirte mu kwa 10/2011 nyuma y'imigumuko ya rubanda yari yahereye mu kwezi kwa kabiri uwo mwaka ikaza kurangira imuhitanye.

Ubutegetsi bushya bwa Libiya, Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu, ikuriwe na Abdul Hamid Dbeibah ikaba yararahiye kurangiza neza inshingano zayo, mu kwezi kwa gatatu 2021 nyuma y'amatora yabaye atewe inkunga na ONU/UN mu ntangiriro z'uyu mwaka.

# Inyungu nyinshi kuri Congo-Kinshasa iramutse yinjijwe muri EAC

Hashize imyaka ibiri irenga Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), isabye kwinjira mu muryango w'ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba (EAC), cyakora ubu busabe ntiburabasha gusuzumwa kubera isubikwa ry'inama y'abakuru b'ibihugu bitandatu bigize uyu muryango yagombaga kubwigaho.

Muri Kamena 2019, nibwo Perezida Paul Kagame yagejeje icyifuzo cya Congo mu bunyamabanga bwa EAC, kugira ngo gishyirwe muri gahunda y'ibyagombaga kwigwa mu nama y'abakuru b'ibihugu biwugize inama yari kuba mu kwezi ku Ugushyingo 2021 ariko ikaza gusubikwa.

RDC ivuga ko impamvu yasabye kwinjira muri uyu muryango ari ukwiyongera kw'amasezerano y'ubucuruzi igirana n'ibihugu bigize uyu muryango.

Abasesenguzi bakavuga ko kwinjira kwa RDC muri EAC bibayeho, yaba ari intambwe yo kwagura imbibi z'uyu muryango zikagera ku Nyanja ya Atlantique, bikongera ibikorwa by'ubucuruzi hagati y'ibihugu biwugize.

Inyigo nshya yerekanye ko agaciro k'ibyo ibihugu by'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba byohereje muri RDC mu 2018, bifite agaciro ka miliyari 7.4 z'amadolari. Hakaba harabayeho inyongera ya 13.1 ku ijana.

Iyi nyigo yakozwe ku mahirwe y'ubucuruzi ku bigo bito n'iciciritse mu karere, iherutswe kumurikwa n'akanama k'ubucuruzi ka EAC (EABC) ndetse n'Ikigo gishinzwe iterambere cy'Abadage (GIZ), yerekanye ko u Rwanda ari rwo rwohereje byinshi muri RDC mu 2018.

Imibare ya Banki nkuru y'igihugu (BNR) igaragaza ko mu mwaka wa 2018 u Rwanda rwohereje ibicuruzwa muri Congo bifite agaciro ka miliyoni 456.8 z'amadolari mu gihe rwakuyeyo ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyoni 11.2 z'amadolari gusa.

Ikigaragara ni uko no mu yindi myaka, ibyo u Rwanda rwohereza muri RDC usanga bifite uruhare runini ku giteranyo cy'ibyoherezwa mu mahanga byose.

Mu gihembwe cya mbere cya 2020, u Rwanda rwohereje muri RDC ibifite agaciro ka miliyoni \$ 19.80 bingana na 9.52 ku ijana by'ibyoherejwe mu mahanga byose.

Mu 2018, Uganda ni igihugu cya kabiri cya EAC cyohereje ibicuruzwa bifite agaciro kenshi muri Congo, bingana na miliyoni 204 z'amadolari. Kenya yoherejeyo ibya miliyoni \$149.8 naho Tanzania yoherezayo ibya miliyoni \$144.9. U Burundi bwoherejeyo ibicuruzwa bya miliyoni \$18.9.

*RD Congo irasaba kwinjira muri EAC.*

Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo rero ni isoko rikomeye cyane ry'ibihugu bya EAC, cyane cyane ku bicuruzwa by'ibikomoka kuri Peteroli, ingano, umuceri na sima. Hoherezwayo kandi ibikomoka ku matungo, imboga n'ibindi.

Kwinjira kwa RDC muri EAC, bifatwa nk'impinduka ikomeye cyane kuko ari igihugu gikize ku mutungo kamere ndetse kikaba gifite isoko ry'abaturage benshi bangana na miliyoni 81.

Iki gihugu ni icya mbere ku Isi gicukura amabuye yo mu bwoko bwa cobalt, yifashishwa mu gukora bateri z'imodoka, kikaba igihugu cya mbere muri Afurika gifite umuringa.

Hejuru y'ibyo Congo ibonekamo andi mabuye y'agaciro nka Zahabu, Diamant, ubutare bwa Uranium, Coltan biyigira kimwe mu bihugu bikungahaye ku mutungo kamere ku isi.

Igihugu cya Congo kandi gifite uruzi rwa Congo, uru ruzi rutuma iba igihugu kigira umusaruro mwinshi ukomoka mu buhinzi kubera ubutaka bwera buri mu bibaya by'uru ruzi.

Ibi byose byatuma yinjiye muri uyu muryango wabasha kwihaza mu bijyanye n'amabuye y'agaciro ndetse n'ibikomoka mu buhinzi.

Inama y'Abakuru b'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Uburasirazuba (EAC), ikaba yarasabye Inama Nkuru y'Abaminisitiri bafite mu nshingano zabo ibikorwa bya EAC, kwihutisha ubugenzuzi busuzuma niba igihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo cyujuje ibyangombwa byatuma cyemererwa kwinjira muri EAC.

Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo ndetse na Somalia bikaba aribyo bihugu byamaze gutanga ubusabe bwo kwinjira muri EAC, bigasangamo ibindi bihugu bitandatu bisanzwe bigize uwo Muryango.

Ku ruhande rwa Congo, Inama y'Abayobozi b'ibihugu bigize EAC yasuzumye ubusabe bwayo, ndetse kugeza ubu, Inama Nkuru

**Komeza ku urup. 12**

# Niba yarakubabarije umutima mwohererereze uru rwandiko

Uru ni urwandiko ukwiriye kugenera uwakubabarije umutima, umukobwa wananiwe kukwitaho, umusore wananiwe kubona ibyiza muri wowe, umukobwa watekereje ko kukubabariza umutima bizamushimisha, Muture uru rwandikomaze umuhe ubutumwa bumukwiriye!.

Nakubonye ku muhanda wenyine, mfata ikiganza cyawe, nomora ikiguma cyawe n'umubabaro wawe ndawugukiza ndangije ntamba ibyishimo byanjye ku bwawe kugira ngo nkubone wishimye useka usa neza.

Narihanganye mu gihe cy'imvura ndanyagirwa, nicwa n'ubukonje kuko nari naguhaye ikoti ryanjye. Ku izuba ryo muri Nyakanga na ryo narigiyemo nemera kubabazwa na ryo nguha umutaka wanjye. Nemera kubabazwa n'amabuye yajombaga mu birenge byanjye kugira ngo nkurinde.

Nari ubushyuhe bwawe ubwo imvura yagwaga ndetse nariyemezaga nkarwana n'imibu yashakaga kukurya mu gihe wabaga uri gusinzira, nakujyanaga kuryama nkakorosa. Nashimishwaga no kubona nawe wishimye.

Wavugaga ko nanjye ndi ijwi ry'indirimbo yawe, wavugaga ko ndi nk'uburozi bwihishe inyuma y'inseko yawe. Gusa waransize ushenjagura umutima wanjye wirukira mu yandi maboko. Bambwiraga ko uri umunyamakosa nkababwira ko uri umugisha wanjye. Wambwiraga ko wansize ku musozi mbabaye, nkababwira ko watumye nkomera.

Ntabwo mbabajwe n'uko wansize njyenyine, mbabajwe n'uko utigeze umpa amahirwe ngo nereke isi ko nkwiriye amahirwe yo gukundwa ngo mbereke ko nzi gukunda kandi mbereke ko wari umugisha kuri njye.



*Yoherejwe ibarwa n'uwo yababaje. (Photo/ File)*

Urakoze ku bw'igihe gito ufashe ugasoma ibyo nanditse nkwandikiye, kandi warakoze kumbabariza umutima by'aka kageni. Nkwifurije urukundo ruruta urwo watekereza, nuza nzakwakira ndagutegereje kandi ndacyagukunda".

# Icyo Abanywi b'Ikawa Barusha Abatayinywa

Ikawa imenyerewe nka kimwe mu binyobwa bitari amazi bikundwa kurusha ibindi ku isi. Bamwe bavuga ko ihumura neza, abandi bakemeza ko itera akanyabugabo mu kazi, ariko abahanga bo bavuga ko irinda umwijima kubyimba.

Abanywa ikawa mu buryo budahindagurika bavugwaho kuzagira amahirwe yo kutabyimba umwijima mu gihe bazaba bageze mu myaka yo gusaza.

Abahanga bo mu Bwongereza bemeza ko ubushakashatsi bakoreye ku baturage barenga ibihumbi400 banywa ikawa mu buryo budahindagurika bwasanze bafite amahirwe angana na 21 % yo kutazarwara umwijima kurusha abatayinywa.

Ikawa yifitemo ikinyabutabire kitwa kahweol, n'ikindi kitwa cafestol, byombi bikaba bifasha umwijima kuzashobora guhangana n'udukoko dutuma ubyimba.

Iyo umwijima ubyimbye bigira ingaruka kuko utangira kunanirwa, ntukore neza akazi kawo ko kuyungurura amaraso.

Ikindi kinyabutabire kiri mu ikawa ni caffeine, iyi abahanga bakemeza ko ifasha mu gutuma umwijima w'umuntu udacika intege.

Dr Oliver Kennedy usanzwe yigisha muri Kaminuza ya Southampton akaba ari nawe wayoboye abanditse inyandiko irimo ibyavuye mu bushakashatsi tuvuze haruguru.

Agira ati: « Ikawa ni kimwe mu binyobwa biboneka henshi ku isi. Ibyo twabonye mu bushakashatsi bwacu dusanga bishobora kuzafasha abantu kwirinda indwara zifata umwijima.»

Umwijima w'umuntu ukunze kurwara indwara yo kubyimba iterwa ahanini no kunywa inzoga nyinshi.

Ubushakashatsi twavuze haruguru bwakorewe ku baturage b'u Bwongereza bwatangajwe mu kinyamakuru BMC Public Health, bukaba bwarakorewe ku baturage 494,585 bafite imyaka iri hagati ya 40 na 69 y'amavuko.

Bitatu bya kane by'aba baturage banywa ikawa buri munsi kandi byibura ibikombe bibiri ku munsi.

Abenshi banywaga ikawa yitwa Espresso kandi ngo mu myaka 10 abashakashatsi bamaze biga iminywere yabo y'ikawa basanze umwijima wabo wariremyemo ubushobozi bwo kutabyimba.

Ibi ariko bishoboka ari uko umuntu unywa ikawa mu buryo budahindagurika, yirinda kuba umunywi w'inzoga zimugira imbata yazo ahubwo akaba agomba kunywa amazi menshi.

Ikawa inyowe itagize ibindi yongewemo ngo niyo nziza ku mwijima kurusha ikawa inyowe bongeyemo amazi, amata n'ibindi.



*Ikawa n'ingirakamaro mu mubiri w'umuntu. (Photo/ File)*

N'ubwo abahanga bavuga biriya ariko, bemera ko hakenewe ubushakashatsi bwimbitse mbere y'uko abaganga bemeranya ko bagira inama abantu kujya banywa iriya kawa igihe cyose bigaragaye ko bafite ibyago byo kubyimba umwijima. Umwijima ukaba ari Inyama yo kurindwa.

Ikindi kivugwa ku umwijima ni uko ari inyama nini iri muri zindi ziri mu gice cyo mu nda y'umuntu ku ruhande rw'iburyo.

Ni inyama kandi ipima byibura ikilo kimwe(1Kg). Ikagira ibara ry'umutuku wijimye ariko iyo urwaye ugenda uba umukara gahoro gahoro.

Umwijima ukabaufite akamaro kanini mu kuyungurura amaraso, ukayavanamo imyanda mbere y'uko akomereza mu zindi ngingo. Imyanda ivuyemo ikaba ariyo ihinduka inkari, abantu bihagarika.

# Inyungu nyinshi kuri Congo-Kinshasa iramutse yinjijwe muri EAC

*Ibikurikira urup. 10*

y'Abaminisitiri bafite mu nshingano zabo ibikorwa bya EAC, basabwe gusuzuma niba icyo gihugu cyujuje ibisabwa mbere y'uko cyemererwa. Umwanzuro ku busabe bwa Congo ukazafatwa mu Nama Isanzwe itaha y'Uyu Muryango.

Ku ruhande rwa Somalia, abakuru b'ibihugu bya EAC ntibarasuzuma ishingiro ry'ubusabe bw'icyo gihugu, gusa basabye Inama Nkuru y'Abaminisitiri kwihutira gusuzuma iby'ubwo busabe bwa Somalia.

Mu yindi myanzuro yafatiwe muri iyo Nama harimo ko ururimi rw'Igifaransa rwinjizwa mu ndimi zemewe zikoreshwa muri uwo Muryango, rusanzemo Igiswahili ndetse n'Icyongereza. Uru rurimi rusanzwe rukoreshwa n'igihugu cy'u Burundi ndetse na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo yitegura kwinjira muri uyu Muryango.


Iyi Nama kandi yagaragaje ko hari ibihugu bigize uwo Umuryango bititeguye gusinya amasezerano y'ubucuruzi hamwe n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi, bituma bagena ko ibihugu byiteguye ari byo bizasinya ayo masezerano, aho kuba Umuryango wose muri rusange.

Muri iyo nama kandi nibwo Perezida Paul Kagame w'u Rwanda, wari unayoboye uyu Muryango, yasimbuwe kuri uwo mwanya na Perezida wa Kenya, Uhuru Kenyatta.

Abakurikiranira hafi uyu muryango hamwe n'abasesenguzi basanga mu by'ukuri wari ukwiye kwiminjiramo agafu kugirango inzozi z'abaturage bawo zibe impamo.

Ibi bivugwa n'ibikorwa byose mu gihe uyu muryango uri no kwizihiza imyaka 25 utangiye ibikorwa byawo mu buryo bweruye kuko mu mwaka wa 1996 ari bwo i Arusha muri Tanzania habereye umuhango wo gushyiraho Ubunyamabanga Bukuru bwawo.

EAC ukaba ari Umuryango ufite intego yo guteza imbere ubutwererane hagati y'ibihugu binyamuryango haba muri politiki, ubukungu



*Kwinjiza RDC muri EAC bizazana inyungu nyinshi. (Photo/ File)*

n'imibereho myiza byose bigakorwa mu nyungu z'abatuye ibihugu biwugize.

Hari Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda Dr. Elvis Mbembe, wanakoze ubushakashatsi kuri uyu muryango, asanga gushyira hamwe kw'ibihugu biwugize bikomeje kuba ingorabahizi.

Agira ati «Iyo witegereje amasezerano y'isoko rusange yatowe n'ibihugu binyamuryango muri 2010 usanga byariyemeje ko habaho urujya n'uruza rw'ibicuruzwa nta nkomyi n'urujya n'uruza rusesuye rwa serivisi n'abantu.

Urebye igihe abakuru b'ibihugu ubwabo bihaye ubu twakabaye tugendererana nta nkomyi, ibicuruzwa bikava muri Kenya bijya mu kindi gihugu nta nkomyi.

Ariko usubije amaso inyuma ukareba uko ibintu byifashe ubu ntabwo watinya kuvuga ko bibabaje! Umubano w'u Rwanda na Uganda ntabwo ari mwiza cyane, Tanzania yo isa naho yabaye nyamwigendaho, Kenya na yo ifite ibibazo byayo..., ku buryo urebye ikarita ya EAC usanga harimo gucikamo ibice haba muri politiki, mu bukungu aho usanga buri gihugu gishyize imbere gahunda zacyo kititaye ku mikoranire yo ku rwego rw'Akarere."

Ibivugwa n'uyu mushakashatsi binashimangirwa kandi na Songa Jean Bosco, umuyobozi wa sosiyete SONGA Logistics itanga serivisi z'ubwikorezi bw'ibicuruzwa no kunganira abacuruzi mu by'imisoro na gasutamo.

Agira ati «Hari ibyo twita NTBs: Ni ibintu bikorwa bitari ngombwa kandi bikadindiza ubucuruzi cyangwa bikazamura igiciro umuguzi yagombye kuguriraho ku isoko.

Dufate urugero nk'iminzani; niba urugero ufashe iminzani 8 kuva Dar Es Salaam kugera i Kigali kandi ikamyo yose igomba kunyura kuri uwo munzani, ni ukuvuga ngo uwo mwanya bifata n'ibindi bijyana byongera agaciro k'igicuruzwa.»

Kuri Dr. Elvis Mbembe, ngo igiteye impungenge kurushaho ni uko abatuye EAC bakomeza kubona ibyo byose ariko bagaterera agati mu ryinyo.

Agira ati "Imwe mu ntego za EAC ni ukubaka umuryango ushingiye kuri rubanda, kuko ni twebwe abaturage tugomba kuba ishingiro ryo kwishyira hamwe kw'ibihugu byacu, bivuze ko dufite ubwo bubasha bwo kotsa igitutu abo bireba ngo ibyo bigerweho.

Ariko kandi kugeza ubu turacyari nk'indorerezi kuko ufatiye urugero ku biheruka kuba byo gufunga imipaka hagati y'u Rwanda n'u Burundi, nta mudepite n'uyu n'umwe twumvise wazamuye iki kibazo ngo akigeze ku rwego urwo ari rwo rwose ngo avuge ati ibi ni ukurenga ku masezerano ya EAC ashyiraho uburyo bwo koroshya urujya n'uruza rw'abantu n'ibicuruzwa hagati y'ibihugu binyamuryango!

Igihe urukiko rukuru muri Uganda rwategekaga ko nta munyamategeko wo muri Uganda wize mu Rwanda wemerewe gukorera umurimo we muri icyo gihugu nta n'umwe wamaganye ibyo bintu!"

Ku ruhande rw'urugaga rw'abikorera muri uyu muryango, EABC, ngo icyorezo cya COVID-19 cyongeye kugaragaza icyuho mu mikorere y'umuryango.

Mu itangazo rigenewe abanyamakuru urwo rugaga ruherutse gushyira ahagaragara, rivuga ko abikorera bo muri aka karere bavuze ko kutumvikana ku ngamba zo kurwanya icyorezo cya COVID19 byatumye ubucuruzi bwambukiranya imipaka burushaho kudindira ndetse n'ikiguzi cyabwo kiriyongera, dore ko cyikubye incuro 2 hagati ya Mutarama na Nzeri mu muhora wa ruguru.

Dr Peter Mutuku MATHUKI nawe ni umuyobozi nshingwabikorwa w'uru rugaga.

Agira ati "reka nguhe urugero: Niba gukoresha igipimo cya COVID19 mu gihugu kimwe ari amadolari 50 mu kindi bikaba ari amadorali 100 n'ahandi bikaba amadorali 10, ni ukuvuga ko ubwo ikiguzi cyo gukora ubucuruzi atari kimwe mu bihugu byose.

Kugira ngo rero habeho gukorera hamwe no guhuza ibikorwa hakenewe ubunyamabanga bw'umuryango wa EAC bukomeye kandi buhamye bushoboye gukorana n'ibihugu binyamuryango hashyirwa mu bikorwa ibyemezo n'imyanzuro y'inama y'abaminisitiri ndetse n'iy'abakuru b'ibihugu."

Mu byo urugaga rw'abikorera muri uyu muryango rusaba abakuru b'ibihugu kwihutisha, harimo gukuraho amaniza mu bucuruzi no kwihutisha ubusabe bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ikacyirwa nk'umunyamuryango mushya, nkuko Dr Peter Mutuku MATHUKI abivuga.

Agira ati "Mu gihe DRC yaba yinjiye muri EAC byaba bivuze ko tubonye isoko rikomeje kubyazwa umusaruro n'abandi baturutse hanze ya EAC. Igihe ni iki rero ngo iki gihugu cyinjire mu muryango wacu turebe uko dufatanya mu bucuruzi n'uburyo buri ruhande rwabyungukiramo kuko iyo uvuze DRC uba uvuze isoko ry'abaturage bagera kuri miliyoni 80."

Inyigo yo muri 2020 yakozwe n'urugaga rw'abikorera mu muryango wa Afurika y'Iburasirazuba ku bufatanye na GIZ, igaragaza ko kwinjira kwa DRC muri uyu muryango ari amahirwe akomeye ku mpande zombi. Ibi bisobanurwa no kuba muri 2019 icyo gihugu cyaratumije hanze ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyari 6.6 z'amadorali ya Amerika, nyamara EAC ukaba muri 2018 warohereje muri DRC ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyoni 855.4 z'amadorali, ni ukuvuga 11.5% y'ibicuruzwa DRC yatumije mu mahanga mu gihe usanga nk'u Bushinwa bwonyine bwihariye 31.2%.

Impunguke muri Politiki mpuzamahanga n'iterambere ry'ubukungu zisanga kuba Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) na Somalia byakwinjira mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba byaba inzira nziza y'ubufatanye mu iterambere n'imiyoborere irambye mu karere.

RDC na Somalia ziri gusaba ko zashyirwa mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba ndetse uyu muryango uri gusuzuma ubusabe bw'ibi bihugu byombi, ngo harebwe niba byakwinjira muri uyu muryango bisanga Kenya, Uganda, Tanzania, Burundi, Rwanda na Sudani y'Epfo.

Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, (EAC) ugizwe n'ibihugu bitandatu kugeza ubu.

washinzwe mu 1967 utangijwe n'ibihugu bitatu aribyo, Uganda, Kenya na Tanzania.

Mu mwaka wa 1970 wahagaritse imirimo yawo kubera igitugu cya Idi Amin, ubwo yari amaze gufata ubutegetsi muri Uganda. EAC yongeye gusubukura imirimo yawo mu myaka ya 1990 n'ibihugu byayitangije, nyuma hiyongeraho u Rwanda , u Burundi na Sudani y'Epfo.

# Batangiye guhabwa ibihembo Abadahohotera inzoka bakazishyikiriza ababishinzwe



*Zimwe mu nzoka zigomba kurengerwa nkibindi binyabuzia. (Photo/ File)*

Nyuma yo kubona ko hari zimwe mu nyamaswa zikomeza kwicwa bitewe n'uko abantu bazifata nk'aho arimbi zidakwiye kubaho, umuryango BIOCOOR (Biodiversity Conservation Organization) ukorera mu Karere kaNyamagabe wiyemeje kujya uhemba abantu bose bazajya babona inyamaswa zirimo inzoka n'izindi ntibazice ahubwo bakazibashyikiriza mu buryo bworoheje.

Parikiy'Igihugu ya Nyungwe ubusanzwe igizwe n'ishyamba ry'inzitane ribonekamo amokoy'inguge atandukanye, amoko y'ibimera arenga 1019, inyamabere zirenga 90, amoko y'inyoni arenga 320 ndetse n'ibikururanda bitandukanye.

Gusa byakunze kugaragara ko abayituriye bica inyamaswa ziyisohotsemo zirimo ifumberi bakajya kuzirya n'izindi nk'ibikururanda kuko babifata nk'ibidakwiye kubaho.

Umushakashatsi ku rusobe rw'i binyabuzima n'iterambere ry'abaturage, Dr Imanishimwe Ange, akaba yarashinze Ikigo cyitwa BIOCOOP. Ni Umuryangowitwa BIOCOOR hagamijwe ahanini kumenyekanisha ibyiza bya Nyungwe no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima ruyibonekamo no kuyitemberezamo ba Mukerarugendo hagamijwe kubasobanurira cyane ibyiza biyibonekamo.

Dr Imanishimwe yabwiye Itangazamakuru ko kuri ubu umuntu ubonye inzoka cyangwa indi nyamaswa ntayice ahubwo akayibazanira, bamugenera ishimwe maze bakayijyana muri Nyungwe aho ikwiye kuba itekanye.

Agira ati «Twashyize ho uburyo bwo gushishikariza abantu kutica inyamaswa no guhemba umuntu uyituzaniye nyuma y'uko twabonaga inyamaswa zigenda zangirika, ugasanga nk'abana bagiye kwarurira inyoni amagi cyangwa yakora nk'impanuka ikagonga ikirahure bagahita bayica."

Noneho rero twebwe, kuva icyo gihe twatangiye kwigisha abaturage ko inyamaswa yose bazajya babona iri mu kaga bazajya batumenyesha bakayituzanira tukayitaho tukayivura, yamara kugira ubuzima bwiza tukayisubiza mu ishyamba aho ikwiye kuba itekanye."

Dr Imanishimwe avuga ko by'umwihariko bitaye ku nzoka cyane kuko zikunze guhura n'akaga gakomeye iyo abantu bazibonye ngo bihutira kuzimena imitwe bazishinja ko ari zo zazanye icyaha ku Isi.

Agira ati «Kubera ko abantu bazi ko inzoka ari mbi ngo yaba ariyo yashutse Eva agakora icyaha, twatangiye kubwira abantu ko iyo ari imyumvire idasobanutse ko n'iyo byaba byarabayeho bitavuze ko inzoka yose yabirenganiramo. Uyizanye rero cyangwa akaturangira aho ayibonye turamuhemba, tukayisubiza mu ishyamba."

akomeza avugako abantu bakwiye guhindura imyumvire ntibice inyamaswa kuko aho batuye muri iki gihe, kera hahoze ari ahazo.

Asobanura ko nzoka zifite akamaro kuko zigabanya udusimba duto dushobora gukwirakwiza indwara, ubumara bwazo bukorwamo imiti, zihinduka ibyo kurya by'ibindi binyabuzima bikabaho neza kandi ziri mu nyamaswa zikoreshwa cyane mu bushakashatsi kuko zerekana ko hagiye kuba ihindagurika ry'ikirere.

Agira ati "Nka Nyiragongo ubwo yakuruka, inzoka n'imiserebanya byabanje guhunga, kuko ibikururanda biri mu nyamaswa zumva mbere ko hagiye kuba impinduka mu gace runaka."

Avugako kandi ko kugeza ubu bamaze kwakira inzoka 15 z'amoko atandukanye kandi izigera kuri 12 muri zo bazisubije muri Nyungwe, na ho izindi eshatu zikiri kwitabwaho kuko basanze zifite ibibazo.

Mu gihe baba bazifite ziri kwitabwaho bazifashisha mu kwigisha abantu ko badakwiye kuzihohotera cyangwa ngo bazice.

Usibye inzoka hari izindi nyamaswa bakiriye zigeraku 100 zirimo inguge, inyoni z'amoko arindwi atandukanye n'izindi nyamaswa zirmo uruvu.

Dr Imanishimwe avuga ko inyamaswa yitwa ifuku nayo iri kugenda icika kuko abantu iyo bayibonye bayifata nk'iyona bagahita bayica, bityo bari gushaka uko bazayibungabunga kugirango itazazimira burundu.

Umuntu uzanye inzoka imwe ahabwa 1000 Frw nk'ishimwe kuko aba ayitabaye.

Mugendashyamba Emmanuel wamaze imyaka irenga 10 ari umuhigi muri Nyungwe, avuga ko nyuma yo kubirekayayobotse ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije no kubyigisha abandi.

Agira ati «Abaturage bo muri aka gace bamaze gusobanukirwa agaciro k'urusobe rw'ibinyabuzima, izi nzoka mubona ni izo abaturage baba bakuye nko mu mirima y'ibyayi n'ahandi aho kuzica bakazituzanira kugira ngo tuzazisubize mu ishyamba."

Muri Nzeri 2020 umuturage witwa Nzamuturimana Innocent wo mu Murenge wa Buruhukiro mu Karereka Nyamagabe, akaba ngo yarahawe inka nk'ishimwe ryo kuba yarabonye inyamaswa y'ifumberi aho kuyirya akayishyikiriza umukozi w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere, RDB.

Dr Imanishimwe yashimye abaturage batuye mu nkengero za Nyungwe kuko bamaze gusobanukirwa ibyiza byo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, abasaba kubikomeza.

Avuga ko abantu n'inyamaswa bakwiye kugirana imibanire myiza, inyamaswa yava mu cyanya cyayo ikajya mu giturage bakayifata neza bakayisubizayo batayihutaje.

**JB Kayitare**

# Bashimishijwe n'Intsinzi ya Mugabo Nizeyimana Olivier watorewe kuyobora FERWAFA

Ni abakunzi b'umupira w'amaguru bakiranye ibyishimo byo kwakira amaraso mashya muri Ruhago y'u Rwanda, nyuma y'uko Bwana Mugabo Nizeyimana Olivier wari usanzwe ari Perezida wa Mukura Victory atorewe kuyobora Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda FERWAFA ku cyumweru Tariki ya 27 Kamena 2021 atsinze amatora ku majwi 52 kuri 59 nyuma y'uko Rurangirwa Louis bari bahanganye akuyemo kandidatire ye.

Aya matora ya FERWAFA yabaye mbere y'amezi atandatu y'igihe cyari giteganyijwe, bitewe ahanini n'uko Rtd Brig Gen Sekamana Damascène wari umaze imyaka itatu ayoboye, yeguye muri Mata 2021 mu kwezi gushize kwa gatanu hakegura n'Abakomiseri batanu, ibyatumye Komite Nyobozi isigarwamo n'abantu batanu badashobora gufata ibyemezo.

Ni muri urwo rwego ku Cyumweru, tariki ya 27 Kamena 2021, abanyamuryango ba FERWAFA uko ari 59 bose bari bitabiriye Inteko Rusange idasanzwe, aho buri munyamuryango yagombaga kubanza kwipimisha Covid-19 inshuro zigera kuri ebyiri ndetse bakaba bari basabiwe uruhushya rubakura mu turere bakomokamo.

Buri munyamuryango yageraga ku muryango, akabanza kwerekana ibisubizo bye bigaragaza ko nta Coronavirus afite, ubundi akemererwa kwinjira muri cyumba cyaberagamo amatora.

Ni amatora kandi yari yitabiriwe n'indorerezi zirimo Karia Wallace uyobora CECAFA, wari uhagarariye CAF mu gihe Salom Mudege ushinzwe gahunda ya FIFA Forward ari we wari uyihagarariye Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi.

Perezida wa Komisiyo y'Amatora muri FERWAFA, Kalisa Adolphe bita Camarade, yabwiye abitabiriye inteko rusange ko buri mukandida yakurikije ingengabihe yo gutanga kandidatire uko byari byateganyijwe kandi byose byakozwe neza uko bari biteguye.

Muri ayo matora buri mukandida yari agenewe iminota 10 yo kubwira abanyamuryango imigabo n'imigambi ye.

Ku ikubitiro, Rurangirwa Louis agihabwa umwanya, aho kuvuga imigabo n'imigambi ye, yahise avuga atakiyamamaje kuko hari itegeko ritubahirijwe.

Rurangirwa yeguye ashingiye ku Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta.



*Bwana Mugabo Nizeyimana Olivier muyobozi mushya wa FERWAFA. (Photo/ File)*

Ingingo ya 10 yaryo ivuga ko "Umuyobozi urebwa n'iri tegeko ngenga yemerewe kuba umunyamuryango w'umuryango utari uwa Leta. Icyakora ntiyemerewe kuyobora umuryango utari uwa Leta keretse igihe uwo muryango ugizwe gusa n'abayobozi barebwa n'iri tegeko ngenga cyangwa se ari umwihariko wabo nubwo hakwiyongeraho abandi bantu baterabwa n'iri tegeko ngenga."

Rurangirwa Louis agendeye ku cyo iri tegeko rivuga, ahamya ko mu itsinda rya Nizeyimana Mugabo Olivier harimo Lt Col Dr Gatsinzi Herbert usanzwe ari umusirikare mu Ngabo z'u Rwanda na Gasana Richard usanzwe ari Meya w'Akarere ka Gatsibo, kandi aba bombi batemerewe kubangikanya akazi ka Leta n'indi mirimo nk'uko itegeko ribivuga.

Kalisa Adolphe uyobora Komisiyo y'Amatora, yavuze ko Rurangirwa yari yandikiye iyi Komisiyo n'ubundi agaragariza izi mpungenge ariko nka Komisiyo y'amatora bamusubiza ko bagenzuye buri mukandida uri kumwe na Mugabo Nizeyimana Olivier bagasanga nta miziro afite imubuza kwiyamamaza.

Nyuma yo gukuramo kandidatire ye, Mugabo Nizeyimana Olivier yari akeneye kubona amajwi 31 kuri 59 gusa kugira ngo atsinde amatora.

Mugabo Nizeyimana Olivier nyuma yo gufata ijambo ry'iminota icumi, agasobanurira abanyamuryango ba FERWAFA imigabo n'imigambi ye mu buryo bugufi, yerekanye abo bazaba bafatanyije kuyobora ishyirahamwe.

Nyuma y'iri jambo, abanyamuryango babanje kwerekwa ahagombaga gushyirwa impapuro zanditseho amazina y'umukandida watowe.



Ni bwo hatangiye igikorwa cyo gutora hahamagarwa buri munyamuryango akabanza guca k'Umuhesha w'Inkiko wari watumiwe muri ayo matora kugira ngo akurikirane neza uko amategeko yubahirizwa, akahasiga ikimuranga (Indangamuntu cyangwa Pasiporo ye) mbere yo guhabwa urupapuro rwo gutoreraho, akabona kwerekeza mu bwihugiko.

Nyuma y'igikorwa cyo kubara amajwi, Komisiyo y'Amatora yemeje ko Mugabo Nizeyimana Olivier ari we watorewe kuyobora iri Shyirahamwe mu gihe cy'imyaka ine iri imbere.

Mugabo Nizeyimana Olivier akaba yaratsinze ku bwiganze bw'amajwi 52 kuri 59 y'abatoye bihwanye na 88,1%,

Mbere y'uko amatora aba Mugabo Nizeyimana Olivier n'itsinda bazakorana muri iyi myaka ine iri imbere, abantu benshi baka barabahaga amahirwe mu buryo bugaragara ndetse ku buryo na Bwana Nzamwita Vincent de Gaulle wahoze uyobora FERWAFA nawe akaba yari yasabye abanyamuryango bose ba FERWA gushyigikira umukandida Mugabo Nizeyimana Olivier, bakaba barumvise ijwi rye bamutorera kuyobora FERWRWA mu gihe cy'imyaka ine hamwe na Ekipe ye yatoranyije ngo imufashe muri urwo rugendo rutoroshye.


Nyuma yo kugirirwa ikizere Bwana Mugabo Nizeyimana Olivier na Komite Nyobozi nshya ya FERWAFA mu myaka ine iri imbere ikazaba iteye mu buryo bukurikira :

- Perezida: Mugabo Nizeyimana Olivier
- Visi Perezida: Habyarimana Marcel
- Komiseri ushinzwe UmutungoHabiyakare Chantal
- Komiseri ushinzwe Iyamamazabikorwa no gushaka abaterankunga: Cyamwenshi Arthur
- Komiseri ushinzwe Amarushanwa: Gasana Richard
- Komiseri ushinzwe Umutekano: IP Umutoni Chantal
- Komiseri ushinzwe Tekinike n'Iterambere rya ruhago: Nkusi Edmond Marc
- Komiseri ushinzwe Umupira w'abagore: Tumutoneshe Diane
- Komiseri ushinzwe Amategeko: Uwanyirigira Delphine
- Komiseri w'Ubuvuzi: Lt Col Mutsinzi Hubert

Aba baka bagomba kwiyongeraho na Komiseri ushinzwe Imisifurire, Rurangirwa Aaron, watowe mu Nteko Rusange yo mu Ukwakira 2020, ubwo yarasimbuye Gasingwa Michel.

*Ubwanditsi*

## PALAST ROCK HOTEL



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba PALAST ROCK HOTEL bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.





Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba HILL TOP HOTEL bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



## SPERANZA GROUP LTD




Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba SPERANZA GROUP LTD bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



## VOLCANO *Express*

Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba Volcano Express bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



# ETS SINA GERARD URWIBUTSO



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba ETS SINA GERARD URWIBUTSO bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.






## Ubutumwa bwo kwibohora ku nshuro ya 27

Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi b'ibitaro La Croix du Sud bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.



# King David Academy



Mu rwego rwo kwibohora ku nshuro ya 27, Ubuyobozi n'abakozi ba KING DAVID ACADEMY bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuryango we, abagize Guverinoma, Abagize Inteko ishinga Amategeko imitwe yombi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'ingabo na Polisi y'igihugu, Abayobozi mu nzego z'ibanze, Abikorera ku giti cyabo n'Abanyarwanda bose muri rusange, Umunsi mukuru mwiza wo kwibohora ku nshuro ya 27.

